REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyaruguru ku wa 15/09/2017

N°030.NJYA/2017

POUR RECEPTION
15 SEP 2017
PROVINCE DU SUD

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo

NYANZA

Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 08 Nzeri 2017

Madamu Guverineri,

Mbandikiye mbagezaho ibyemezo by'inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yateraniye i Ndago ku cyicaro cy'Akarere ku wa 08 Nzeri 2017, yitabiriwe n'abajyanama 20 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru.

Ibyo byemezo murabisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mugire amahoro.

NGARAMBE Vincent

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

Bimenyeshejwe :

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
KIGALI

Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru

NYARUGURU

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA NYARUGURU

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYARUGURU YO KU WA 08 NZERI 2017

Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyaruguru yo ku wa 08 Nzeri 2017 yateraniye ku biro by'Akarere, iyobowe na Perezida wayo Bwana NGARAMBE Vincent yitabirwa n'Abajyanama 20 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 29 Kamena 2017 n'iz'amakomisiyo
2. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama yo ku wa 29/05/2017 n'ibyo ku wa 29/06/2017
3. Raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi by'amezi 6
4. Kwemeza LED Strategies y'Akarere ka Nyaruguru
5. Imyiteguro y'Igihembwe cy'ihinga 2017/2018 A
6. Inyandiko zandikiwe Inama Njyanama
7. Ibindi:
    - Umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe haruguru, abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru bafashe ibyemezo bikurikira:

Icyemezo cya mbere:

Inama Njyanama mu bwumvukane busesuye imaze gusuzuma no gukora ubugororangingo bw'inyandikomvugo zikurikira yazemeje:

- Inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe yo ku wa 29/06/2017

- Inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo y'imiyoborere myiza yo ku wa 17/08/2017
- Inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yo ku wa 13/08/2017 n'iyo ku wa 01/09/2017
- Inyandikomvugo y'inama ya Komisiyo y'iterambere ry'imibereho myiza yo ku wa 31/07/2017 n'iyo ku wa 29/08/2017
- Inyandikomvugo y'Inama y'abaperezida yo ku wa 14/08/2018
- Inyandikomvugo y'inama ya Komite Nyobozi na Biro yo ku wa 05/09/2017

Icyemezo cya kabiri:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko abagize inama y'ubuyobozi ya pharmacie bahabwa amafaranga y'ibirarane by'inama hakurikijwe ayo bari basanzwe bahabwa, izindi nama zizaterana bakajya bahabwa amafaranga ibihumbi mirongo itatu (30,000F) uretse Perezida uzajya uhabwa amafaranga ibihumbi mirongo itatu na bitanu (35,000F).

Icyemezo cya gatatu:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ko abantu bafite ubutaka mu karere ka Nyaruguru ahatarebwa n'Igishushanyombonera ndetse no muri centre y'ubucuruzi bari mu cyiciro cya 1 basonerwa imisoro y'ubutaka kandi bagafashwa gukosora ibyangombwa by'ubutaka aho bikosheje cyane cyane ku birebana n'icyo ubutaka bukoreshwa.

Icyemezo cya kane:

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje igitabo gikubiyemo umutungo w'Akarere mu mwaka wa 2017/2018

Icyemezo cya gatanu:

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma ibikorwa byakozwe na Komite Nyobozi mu mezi atandatu ashize babishimye, mu bwumvikane busesuye bemeza ko Komite Nyobozi igomba kongera imbaraga mu bikorwa bikiri inyuma.

Icyemezo cya gatandatu:

Inama Njyanama imaze gusuzuma inyandiko ikubiyemo LED Strategies y'Akarere mu bwumvikane busesuye yayemeje ariko isaba ko abakozi bayiteguye bongera kwicarana n'abajyanama SINDAYIGAYA Samuel, MUNGWAKUZWE Yves, BAYINGANA Wellars,

NYIRABAHINYUZA Mediatrice na MURWANASHYAKA Emmanuel bakabanza kuyikorera ubugorangingo bagendeye ku nama zatanzwe n'abagize Inama Njyanama y'Akarere.

Icyemezo cya karindwi:

Inama Njyanama imaze gusuzuma imyiteguro y'igihembwe cy'ihinga 2017/2018 A yashimye uburyo cyateguwe mu bwumvikane busesuye yemeza ko abaturage bakomeza kwegerwa kurushaho kugirango hatazagira imbogamizi bahura nazo bigatuma umusaruro uba muke.

Icyemezo cya munani:

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibaruwa yanditswe n'Umuyobozi w'Akarere asaba ko ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo hashyirwaho umukozi ushinzwe gucunga inzibutso hagendewe ku itegeko rigenga umuhango wo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi, imitunganyirize n'imicungire by'inzibutso za Jenocide yakorewe N^{O} 15/2016 ryo ku wa 02/05/2016 ingingo ya 26 ivuga ku bakozi bashinzwe inzibutso za Jenoside yakorewe abatutsi n'uburyo bashyirwaho, hashingiwe ku itegeko rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage N^{O} 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 ingingo ya 125, mu bwumvikane busesuye yemeje ko uwo mukozi ashyirwa ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo kandi agashyirwa mu mwanya hakurikijwe amategeko.

Icyemezo cya cyenda:

Hakurikijwe amabwiriza N^{O} 01/07 yo ku wa 10/07/2017 ya Minisitiri w'urubyiruko n'ikoranabuhanga agenga imiterere, inshingano n'imikorere by'ibigo by'urubyiruko mu Rwanda, ingingo ya 15, hashingiwe ku ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje abagize inama Nyobozi y'ikigo cy'urubyiruko cy'Akarere gikorera ku Munini ari bo:

PEREZIDA	BISIZI Antoine	VICE MAYOR ECONOMICS
VICE PEREZIDA	TWAGIRAYEZU Jean	Coordinateur CNJ NYARUGURU
UMWANDITSI	NDAGIJIMANA Daniel	YEGO CENTER COORDINATOR
ABAJYANAMA 5	GASANA Jean Baptiste	Uhagarariye abikorera NYARUGURU
	Pastor KABARISA Anicet	Uhagarariye JADF
	NKURUNZIZA Evariste	Uhagarariye amadini n'amatorero
	KAREMERA Athanase	Umuyobozi w'ishami ry'ubuzima
	BILINDABAGABO Vincent	Uhagarariye ababyeyi

Icyemezo cya cumi :

Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje ikiruhuko cy'umwaka wa 2017/2018 cy'Umuyobozi w'Akarere Bwana HABITEGEKO François kizatangira ku wa 1-30/11/2017 n'icy'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Bwana BISIZI Antoine kizatangira ku wa 01-30/12/2017

Icyemezo cya cumi na rimwe:

Abagize Inama Njyanama bamaze kubona ko mu bwisungane mu kwivuza harimo ibibazo byinshi bibangamira abaturage ndetse bigatuma batitabira, mu bwumvikane busesuye hemejwe ko Komite Nyobozi itegura inama y'abakozi bashinzwe amashami y'ubwisungane mu kwivuza n'umuyobozi wa RSSB hakabaho kumvikana ku buryo bw'imikorere n'imikoranire hagamijwe gutuma umuturage abona serivisi nziza kandi zikamwegerezwa kurushaho cyane cyane ku bijyanye no guhabwa ubwisungane mu kwivuza.

Icyemezo cya cumi na kabiri:

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibaruwa ya MUSABYEMARIYA Dativa wo mu murenge wa Ruramba wanditse asaba kurenganurwa kubera isambu ye yambuwe n'abandi bantu, mu bwumvikane busesuye yemeje ko Komite Nyobozi isuzuma icyo kibazo ikazatanga raporo mu nama y'ubutaha.

Bikorewe i Nyaruguru, kuwa 08/09/2017

UMWANDITSI W'INAMA

KAMPOGO DATIVE

Umunyamabanga w'Inama

Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru

UMUYOBOZI W'INAMA

NGARAMBE Vincent

Perezida w' Inama

Njyanama y'Akarere ka Nyaruguru